**A Impaka ku byo kubabarira ibyaha. Mariko 2:1–12.**

- Igihe Yesu yasubiraga kwa Petero i Kaperinawumu, abantu benshi baje kumutega amatwi (Mariko 2:1–2). Inshuti enye zasanze Yesu kugira ngo akize inshuti yabo yamugaye, ariko ntibashobora kumwegera. Nk'abiyemeje kumuzana kuri Yesu, bamuzamuye ku gisenge maze basakambura aho bamumanurira. Ibyo byarogoye ikibwiriza cya Yesu, abantu bose baraceceka, bategereza kureba icyo Yesu yajyaga gukora (Mariko 2:3–4).
- Yesu yakijije umuzi w'uburwayi bw'uwo muntu. Imbabazi zamuhaye amahoro yo mu mutima.
- Ku banditsi, ibyo byari ugutuka Imana (byajyaga kuba ukuri iyo Yesu ataba Imana). Yesu yagaragaje ko afite ububasha bwo kubabarira ibyaha, akiza uwamugaye (Mariko 2:8–11).
- Abantu bashimiye Imana yahaye Yesu ububasha bwo kubabarira ibyaha (Mariko 2:12; Matayo 9:8). Uwamugaye aragenda; ariko abanditsi basigaranye ubuhumyi, ntibashobora kubona ko Yesu ashobora gusoma intekerezo zabo, kubabarira umunyabyaha, no kumukiza.

**B Impaka ku byokurya. Mariko 2:13–22.**

- Yesu yararīriye mu nzu y'umukoresha w'ikoro, yanicaye hagati ya benshi bameze nk'uwo (Mariko 2:15). Kunegura ntibyabujije gukoresha neza amahirwe: "Mbega asangira n'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha!" (Mariko 2:16).
- Mu buryo bwumvikana, Yesu ntiyagendeye kuri ibyo: ni he haruta aha nabona abanyabyaha nkiza? (Mariko 2:17). Ikigeretse kuri ibyo, yabasabye gusuzuma ibyiyumvo byabo. Bagombaga kwiga gukunda (Matayo 9:12–13).
- Aho kwiga gukunda, Abafarisayo bashishikarije abigishwa ba Yohana kwifatanya nabo mu kunegura (Mariko 2:18).
- Yesu yasubije mu buryo bw'imigani:
  - — Umugani w'ubukwe (Mariko 2:19–20). Ni gute umuntu ashobora kwiyiriza ubusa mu gihe cy'ubukwe? Umukwe ni Yesu; abatumirwa ni abigishwa. Igihe Yesu yapfaga akazuka, ni bwo abigishwa be bashoboraga gukenera kwiyiriza ubusa.
  - — Imigani y'ikintu gishya gishyizwe mu gishaje (Mariko 2:21–22). Inyigisho nzima za Yesu ntizari zifite umwanya mu nyigisho zipfuye z'ibihimbano; kandi n'inyigisho zipfuye z'ibihimbano ntizari zifite umwanya mu nyigisho nzima za Yesu.

**C Impaka ku bijyanye n'Isabato. Mariko 2:23–3:6.**

- Ubwo abigishwa bacaga amahundo bagatonora bagata ibishishwa ngo barye impeke, bari bakoze imirimo itatu ibuzanijwe ku Isabato: gusarura, gutonora, no kugosora (Mariko 2:23–24; Matayo 12:1–2).
  - — Igisubizo cya Yesu: "Ntimwari mwasoma icyo Dawidi yakoze, ubwo yari ashonje, yariye imitsima yo kumurikwa, ubudni yaribwaga n'abatambyi bonyine? (Mariko 2:25–26).
- Hanyuma, Yesu yakoze "umurimo" utari warashyizwe muri ya yindi 39, ariko kandi wafashwe nko kuzirura Isabato: gukiza indwara (Mariko 3:1–3).
  - — Igisubizo cya Yesu: "Mbese icyemewe ni ugukora neza cyangwa nabi ku isabato, gukiza umuntu cyangwa kumwica?" (Mariko 3:4).
- Muri ibyo byose, Yesu ni Umwami w'Isabato, kandi yayiduhaye ngo itunezeze (Mariko 2:27–28).
- Igitangaje, abari bafite ishyaka ryo kuziririza Isabato ni bo baciye igico cy'ubwicanyi (Mariko 3:6).

**D Ibibazo biteje impaka kuri Yesu:**

- **Akora ibitangaza kubw'ubuhe bubasha? Mariko 3:22–30.**
  - — Mariko atangira inkuru ivuga ku muryango wa Yesu, ariko akayirogoya kugira ngo avuge iby'impaka n'Abafarisayo. Nyuma, agaruka ku nkuru ya mbere. Ubu buryo (inkuru ikubiye mu yindi) bwagiye bukoreshwa na Mariko inshuro nyinshi kugira ngo ahūze inkuru ebyiri zisa, yerekana inkuru irimo hagati nk'iy'ingenzi cyane.
    - *(1)* Mariko 3:20–21. Ab'umuryango wa Yesu baza kumushaka.
    - *(2) Mariko 3:22–30. Ibirego by'Abafarisayo*.
    - (3) Mariko 3:31–35. Ab'umuryango wa Yesu baza kumushaka.
  - — Ahangaha, inkuru y'ingenzi ni ibirego by'abanditsi bibaza aho Yesuakura ububasha imbaragbwo kwirukana abadayimoni (Mariko 3:22).
  - — Na none, Yesu yakoresheje umugani kugira ngo yerekane ko ibyo bamushinja bidafite ishingiro (Mariko 3:23–27). Yesu yinjiye mu nzu y'umunyamaboko (Satani), aramuboha, maze abona uko asahura inzu ye (kubohora uwatewe n'abadayimoni).
  - — Yaboneyeho no kuburira abantu ku kaga ko kwitirira Satani umurimo w'Umwuka Wera (Mariko 3:28–30).
- **Ese Yesu afite ikibazo cyo mu mutwe? Mariko 3:20–21, 31–35.**
  - — Ni iki cyateye umuryango wa Yesu kwibwira ko yasaze (Mariko 3:20–21)?
  - — Nyuma yo kwītsa, Mariko asubukura inkuru, avuga kuri bene wabo ba Yesu bari baje kumushaka: nyina na bene se (Mariko 3:31).
  - — Mbega ukuntu bisa n'aho Yesu atitaye ku muryango we! (Mariko 3:32–33). Ariko ibigaragara birashukana. Nyina na bene se baribeshyaga. Gusiga umurimo We ngo abitabe muri ako kanya byajyaga kubangamira ubutumwa Bwe ndetse na bo ubwabo.
  - — Icy'ingenzi kuruta isano y'umubiri ni amasano ahuza Yesu n'umuryango We mu bya mwuka (Mariko 3:35).